# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

NYAKANGA 2024

## ABAKANDIDA DEPITE BO MU CYICIRO CY'ABAGORE BO MU NTARA Y'AMAJYEPFO BIYAMAMARIJE MU KARERE



SOMA PAJI YA 2

SOMA PAJI YA 8

## MU KARERE HATANGIJWE IBIZAMINI BYA LETA BISOZA UMWAKA W'AMASHURI WA 2023-2024



SOMA PAJI YA 5

## ABANYAMURYANGO BA KELEBU Z'ISUKU BO MU KARERE BAHAWE MATORA (MATELAS) MU RWEGO RWO GUCA NYAKATSI YO KU BURIRI





SOMA PAJI YA 13

## UMUYOBOZI W'AKARERE YIFATANYIJE N'ABATUYE UMURENGE WA GASAKA, MURI SIPORO RUSANGE

# ABAKANDIDA DEPITE BO MU CYICIRO CY'ABAGORE BO MU NTARA Y'AMAJYEPFO BIYAMAMARIJE MU KARERE



*Abakandida Depite bo mu cyiciro cy'abagore bari bahagarariye Intara y'Amajyepfo biyamamarije kuri Stade Nyagisenyi*

Ku wa 02 Nyakanga 2024, ibikorwa byo kwiyamamaza ku Bakandida Depite mu cyiciro cy'abagore bari bahagarariye Intara y'Amajyepfo byakomereje kuri Stade Nyagisenyi iherereye mu Mujyi wa Nyamagabe.

Nyuma yo guhabwa ikaze n'Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, buri Mukandida muri 60 biyamamazaga yahawe umwanya ageza ku Nteko Itora yo mu Karere ka Nyamagabe imigabo n'imigambi bye.

Abakandida bose bahawe igihe kingana.

Umuyobozi w'Akarere Bwana NIYOMWUNGERI yashimiye aba Bakandida ku migabo n'imigambi bari bamaze kugeza ku Nteko Itora, abifuriza amahirwe masa.

Ibikorwa byo kwiyamamaza ku Bakandida Depite bagize 30% mu Nteko Ishinga Amategeko bari bahagarariye Intara y'Amajyepfo byitabiriwe kandi na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA n'abandi.



*Abakandida 60 biyamamazaga mu Ntara y'Amajyepfo, bagombaga gutorwamo 6 gusa*



*Buri mu Kandida yahawe umwanya ageza ku Nteko Itora imigabo n'imigambi bye*



*Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere nka bamwe mu bagize Inteko Itora bari mu bitabiriye ibi bikorwa*

# UMUKANDIDA WIGENGA KU MWANYA W'UMUKURU W'IGIHUGU BWANA MPAYIMANA YIYAMAMARIJE MU KARERE



***Umukandida wigenga ku mwanya w'Umukuru w'Igihugu Bwana MPAYIMANA yiyamamarije mu Karere***

Ku wa 02 Nyakanga 2024, Bwana Philippe MPAYIMANA, Umukandida wigenga ku mwanya w'Umukuru w'Igihugu yiyamamarije mu Karere ka Nyamagabe by'umwihariko mu Murenge wa Uwinkingi, asaba abaturage kurushaho gukunda igihugu.

Bwana MPAYIMANA yavuze ko yifuza ko Abanyarwanda bose bari mu mahanga biyumvamo ubuyobozi bw'u Rwanda.



***Bwana MPAYIMANA ageza ku baturage ba Uwinkingi imigabo n'imigambi bye***

Yaragize ati: "Nzakora ibishoboka byose kugeza n'aho twabemerera imyanya mu Nteko Ishinga Amategeko, ariko bakisanga bakaza mu gihugu nk'abajya iwabo, bagahabwa za Pasiporo ku bwinshi, tukabigiramo uruhare. Cyane cyane nifuza ko rya torero ry'Umudugudu rigera no mu mahanga."



***Abaturage b'ibyiciro bitandukanye bari baje kumva imigabo n'imigambi bya Bwana MPAYIMANA***

Bamwe mu baturage bitabiriye iki gikorwa bagaragaje kunyurwa na bimwe mu bikubiye mu migabo n'imigambi bye, bavuga ko aramutse atowe bigashyirwa mu bikorwa hari icyo bishobora kubafasha mu bikorwa bitandukanye byabo bya buri munsi, by'umwihariko ibiganisha ku iterambere.

Ni ku nshuro ya 2 Bwana Philippe MPAYIMANA yiyamamaje ku mwanya w'Umukuru w'Igihugu kuko no mu Matora ya 2017 yari yiyamamaje ariko ntiyatsinda.

## DR. FRANK HABINEZA, WARI UHAGARARIYE DGPR KU MWANYA W'UMUKURU W'IGIHUGU YIYAMAMARIJE MU KARERE




***Dr. Frank HABINEZA ubwo yagerage mu Mujyi wa Nyamagabe***

Ku wa 07 Nyakanga 2024, Mu Mujyi wa Nyamagabe, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yakiriye Umukandida wiyamamazaga ku mwanya w'Umukuru w'Igihugu ahagarariye Ishyaka riharanira Demokarasi no Kurengera Ibidukikije, Democratic Green Party of Rwanda (DGPR) , Dr. Frank HABINEZA.

Dr. HABINEZA yabwiye abaturage b'Akarere ka Nyamagabe ko nibamugirira icyizere bakamutora, azabafasha kubona inganda zitunganya umukamo hamwe n'umusaruro uturuka mu buhinzi bakora.



***Abatuye Akarere ka Nyamagabe biganjemo urubyiruko bari baje kumva imigabo n'imigambi bya Dr. Frank HABINEZA***

Abagize Ishyaka DGPR kandi babwiye abaturage ko amavuta babasize ubwo biyamamazaga mu matora aheruka, bagomba kongera kuyabasiga ndetse bakabanogereza, bagatora Dr. Frank HABINEZA ku mwanya w'Umukuru w'Igihugu n'iri Shyaka kugira ngo rizagire Abadepite benshi mu Nteko Ishinga Amategeko.



***VM FED Bwana HABIMANA ni we wakiriye Umukandida wa DGPR***

Dr. Frank HABINEZA si ubwa mbere yiyamamaje ku mwanya w'Umukuru w'Igihugu ari kumwe n'Ishyaka rye kuko no mu Matora ya 2017 yiyamamaje ariko ntiyashobota kwegukana intsinzi.

Icyakora mu Matora y'Abadepite yakurikiyeho, yabonye umwanya mu Nteko Ishinga Amategeko n'ubundi ahagarariye Ishyaka rye riharanira Demokarasi no Kurengera Ibidukikije, Democratic Green Party of Rwanda (DGPR).

## ABANYAMURYANGO BA KELEBU Z'ISUKU BO MU KARERE BAHAWE MATORA (MATELAS) MU RWEGO RWO GUCA NYAKATSI YO KU BURIRI



***Abanyamuryango ba Kelebu z'Isuku mu Karere bahawe matora***

Ku wa 09 Nyakanga 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yayoboye igikorwa cyo gushyikiriza matora (matelas) bamwe mu Banyamuryango ba Kelebu z'Isuku bo mu Mirenge yose igize Akarere.

Vivianne NYIRABADAGE uri mu bahawe matora avuga ko iyo yari afite yari ishaje cyane ku buryo kugira ngo ayiryameho byamusabaga kugira icyo ayitegesha munsi rimwe na rimwe akabyuka yavunaguritse.

Yaragize ati: "Matora nararagaho yari ishaje cyane ku buryo kugira ngo mbashe kuyiryamaho, byansabaga kugira icyo nyitegesha rimwe na rimwe nkabyuka navunaguritse, ariko ubu nzajya ndyama nsinzire neza, mbyuke njya gushakisha icyantunga n'abana banjye mfite akanyamuneza."

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA wayoboye iki gikorwa yashimiye Water Aid Rwanda, Umufatanyabikorwa w'Akarere watanze izi matora.

Bwana HABIMANA yaragize ati: "Turashimira cyane umuterankunga wacu ari we Water Aid Rwanda udahwema gufasha Akarere mu guteza imbere umuturage. Gusa namwe mugomba gufata neza izi matora muhawe kandi mukamenya ko igikorwa nk'iki ari igipimo cy'imiyoborere myiza irangajwe imbere na Nyakubahwa Paul KAGAME, Umukuru w'Igihugu cyacu."



***VM FED Bwana HABIMANA ubwo yashyikirizaga matora umwe mu Banyamuryango ba Kelebu y'Isuku***

Matora zigera kuri 250 ni zo zahawe Abanyamuryango ba Kelebu z'Isuku bari hirya no hino mu Mirenge igize Akarere.



***Abahawe matora bose bashimangira ko zigiye kubahindurira ubuzima***

## ABATUYE AKARERE BAZINDUKIYE MU MATORA Y'UMUKURU W'IGIHUGU N'AY'ABADEPITE

Ku wa Mbere tariki ya 15 Nyakanga 2024, abatuye Akarere ka Nyamagabe bazindukiye mu Matora ya Perezida wa Repubulika, Abadepite 53 baturuka mu mitwe ya Politiki n'abigenga.



*Ku wa 15 Nyakanga, abatuye Akarere barimo n'abageze mu za bukuru bazindukiye mu Matora y'Umukuru w'Igihugu n'ay'Abadepite*

Bucyeye bwaho habaye amatora y'ibyiciro byihariye birimo Abadepite 24 bahagararira abagore, babiri bahagararira urubyiruko ndetse n'umwe uhagararira abantu bafite ubumuga.

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA n'Uwungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA nka bamwe mu bagize Inteko Itora mu matora y'Abadepite 6 bahagararira abagore mu Ntara y'Amajyepfo, batoreye kuri Site ya GS Gikongoro iherereye mu Murenge wa Gasaka.



*Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere batoreye icyiciro cy'abagore kuri Site ya GS Gikongoro*

ku wa 22 Nyakanga 2024 ni bwo Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) yatangaje bidasubirwaho ko Nyakubahwa Paul KAGAME wari uhagarariye FPR Inkotanyi yegukanye intsinzi mu Matora y'Umukuru w'Igihugu agize amajwi 99.18%.

Icyegerenyo cyashyizwe ahagaragara na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kigaragaza uko abaturage bitabiriye Amatora y'Umukuru w'Igihugu n'ay'Abadepite hakurikijwe Uturere, Akarere ka Nyamagabe kaza ku mwanya 4 mu gihugu hose.



*H.E Paul Kagame ni we watsinze Amatora y'Umukuru w'Igihugu ku majwi 99.18%*

## AKARERE KAKIRIYE UMUFATANYABIKORWA MUSHYA WITWA SPARK MICROGRANTS UGIYE GUFASHA ABATURAGE KWIVANA MU BUKENE



***Abagize Komite Nyobozi bakiriye itsinda ryaturutse mu Mushinga Spark MicroGrants***

Ku wa 17 Nyakanga 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye itsinda ryari riturutse mu Mushinga Spark MicroGrants ugiye gufasha abaturage bo mu Midugudu yose igize Umurenge wa Nkomane kwivana mu bukene.



***Umukozi w'Umushinga Spark MicroGrants asobanura ibijyanye n'uko abaturage bazafashwa***

Mu gihe cy'imyaka 2 uyu Mushinga uzamara ukorera mu Karere, uzafasha abaturage b'uyu Murenge gutunganya no gushyira mu bikorwa imishinga iciriritse bazaba bihitiyemo, aho muri iki gihe cyose uzatanga miliyoni zisaga 450 z'amafaranga y'u Rwanda.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana NIYOMWUNGERI yashimiye ubuyobozi bw'uyu Mushinga bwahisemo gukorera mu Karere, abwizeza ubufatanye kugira ngo intego zawo zo guteza imbere umuturage zizagerweho.

Mu rwego rwo gutegura neza ishyirwa mu bikorwa ry'uyu Mushinga, ku wa 29 Nyakanga 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA ari kumwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Bwana SAMVURA Valens na bamwe mu Bakozi b'Akarere bakoreye urugendoshuri ku bikorwa byawo biherereye mu Murenge wa Kigoma w'Akarere ka Huye.

Abaturage bo muri uyu Murenge by'umwihariko abo mu Kagari ka Musebeya, Umudugudu wa Nyarurembo hamwe mu ho uyu Mushinga ukorera batanze ubuhamya bw'uko bakorana na wo mu nzira y'iterambere.



***Mu rwego rwo kwitegura kunoza ishyirwa mu bikorwa ry'uyu Mushinga, VM ASOC, DES na bamwe mu Bakozi b'Akarere bakoreye urugendoshuri mu Karere ka Huye aho umaze igihe ushyirwa mu bikorwa***

# MU KARERE HATANGIJWE IBIZAMINI BYA LETA BISOZA UMWAKA W'AMASHURI WA 2023-2024



***Meya NIYOMWUNGERI yatangije ibizamini bya Leta bisoza umwaka wa 2023-2024***

Ku wa 23 Nyakanga 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yatangirije ku rwego rw'Akarere muri Ecole des Sciences de Nyamagabe iherereye mu Murenge wa Gasaka, ibizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri wa 2023-2024 mu byiciro bitandukanye.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, ibi bizamini yabitangirije muri ES Sumba na yo ibarizwa mu Murenge wa Gasaka.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, ibizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri wa 2023-2024, we yabitangirije muri GS Kizi iherereye mu Murenge wa Kamegeri.

Abanyeshuri bagera ku 7688 barimo 4524 basoje ikiciro rusange cy'amashuri yisumbuye (O Level) na 3164 basoje umwaka wa Gatandatu w'amashuri yisumbuye (A Level) ni bo bakoreye ibizamini bya Leta bisoza umwaka w'amashuri wa 2023-2024, kuri site zigera kuri 20 zari ziri hirya no hino mu Karere.



***VM FED yatangirije ibizamini bya Leta bisoza umwaka wa 2023-2024 muri ES Sumba***



***VM ASOC yatangirije ibizamini bya Leta bisoza umwaka wa 2023-2024 muri GS Kizi***

## MU MIDUGUDU YOSE IGIZE AKARERE, ABATURAGE BISHIMIYE INTSINZI YA H.E PAUL KAGAME MU MATORA Y'UMUKURU W'IGIHUGU



***Byari ibirori ubwo abatuye Umurenge wa Gasaka bishimiraga intsinzi ya H.E Paul KAGAME***

Ku wa 23 Nyakanga 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n'abatuye Umurenge wa Gasaka, mu Midugudu ya Gasharu na Sumba, mu busabane bwo kwishimira itsinzi Nyakubahwa Paul KAGAME aherutse kwegukana mu Matora y'Umukuru w'Igihugu yabereye rimwe n'ay'Abadepite kuva ku wa 14 kugeza ku wa 16 Nyakanga 2024.

Nyuma yuko Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) itangaje burundu ibyavuye mu Matora y'Umukuru w'Igihugu n'ay'Abadepite yabaye ku wa 15 no ku wa 16 Nyakanga 2024 mu gihugu imbere no ku wa 14 Nyakanga 2024 muri Diyasipora, ikerekana ko umwanya w'Umukuru w'Igihugu wegukanwe na Nyakubahwa Paul KAGAME wari uhagarariye FPR Inkotanyi, abatuye Akarere ka Nyamagabe bishimiye iyi ntsinzi.

Mu birori byari bibereye ijisho, abaturage bo mu Murenge wa Gasaka barasabanye bishimira ko Umukandida bari bashyigikiye yatowe ku bwiganze bw'amajwi dore ko yagize angana na 99.18%.



***Umuyobozi w'Akarere n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gasaka bishimira intsinzi ya H.E Paul Kagame***

Ubusabane nk'ubu bwabaye mu Mirenge yose ndetse no mu Midugudu bigize Akarere.

Mu Murenge wa Kamegeri, abaturage baho bifatanyije n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA.

Umuyobozi w'Akarere Wungrije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA we yifatanyije n'abatuye Umurenge wa Buruhukiro.

# UMUSHINGA WO KUBUNGABUNGA URUSOBE RW'IBINYABUZIMA WAKORERAGA MU KARERE WASOJE IBIKORWA BYAWO



*Umushinga witaga ku kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima wasoje ibikorwa byawo mu Karere*

Ku wa 25 Nyakanga 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye umuhango wo gusoza ibikorwa by'umushinga wo kongerera ubumenyi n'ubushobozi abaturage, mu rwego rwo kurushaho kurinda no kurengera urusobe rw'ibinyabuzima no kwiteza imbere mu buryo burambye.

Umwe mu bakoranye n'uyu mushinga yaragize ati: "Twahawe amahugurwa, nyuma tujya gushyira mu bikorwa ubumenyi twahawe. Mu byo twahuguwe harimo gukoresha ifumbire y'imborera, gutera ibiti bivangwa n'imyaka, gutera imiti yica udukoko ku bihingwa mu masaha ibinyabuzima biba bitarimo gukora cyangwa gutora no guhova; ndetse no guhinga ibihingwa birenze kimwe mu murima kuko ubu buryo bufasha ibihingwa kwihanganira imihindagurikire y'ibihe."

Yakomeje avuga ko ubu bumenyi bwamufashije kuko abikora neza akaba ari umwe mu bahinzi b'intangarugero.

Ati: "Mbere yuko nkora ubuhinzi butangiza ibidukikije, nasaruraga ibilo 300 (300 kgs) by'ibirayi, ariko ubu nsarura Toni n'igice (1,5T) by'ibirayi. Uyu musaruro uva ku buso bumwe kuko ndacyahinga kuri are eshanu (5a) gusa."



*Abakoranye n'uyu mushinga bavuga ko wabagejeje kuri byinshi*

Uyu mushinga wari umaze imyaka 5 ukorera mu Mirenge ya Buruhukiro na Uwinkingi mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima mu nkengero za Pariki y'Igihugu ya Nyungwe, washyirwaga mu bikorwa na UNICOOPAGI, BIOCOOR na ICRAF ku nkunga ya TROCAIRE na Jersey Overseas Aid (JOA).



*Meya NIYOMWUNGERI yakira ishimwe ry'uko Akarere kabaye umufatanyabikorwa mwiza mu ishyirwa mu bikorwa ry'uyu mushinga*

# UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA NYAKANGA 2024 WIBANZE KU KUNOZA IBIKORWA BIRI MU MIHIGO Y'AKARERE Y'UMWAKA WA 2023-2024



*Umuyobozi w'Akarere yifatanyije n'abatuye Umurenge wa Musange, mu Muganda Rusange*

Ku wa 27 Nyakanga 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe na bamwe mu bagize Inama Njyanama y'Akarere n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Musange mu Muganda Rusange usoza ukwezi kwa Nyakanga 2024.

Batunganyije umuhanda uva ku Biro by'Umurenge wa Musange ukagera mu Kagari ka Masangano.

Nyuma y'Umuganda, Meya NIYOMWUNGERI yashimiye abawitabiriye ku gikorwa cyiza bakoze cyo gutunganya umuhanda, abasaba kugikomeza.

Yabahaye ubutumwa bwo kurushaho kunoza isuku, kwihutira gutanga umusanzu w'Ubwisungane mu Kwivuza, kwizigamira muri gahunda ya EjoHeza no kwicungira umutekano cyane cyane bashyira imbaraga mu kurara amarondo.

Yabasabye kandi gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene no kwitabira gahunda nzamurabushobozi igamije gufasha abana biga mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza batatsinze ibizamini.

Iyi gahunda yatangiye ku wa 29 Nyakanga ikazageza ku wa 30 Kanama 2024, izafasha aba bana kwiyungura ubumenyi no kwimukira mu mwaka ukurikira uwo bigagamo.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Nyakanga 2024, we yawukoranye n'abaturage b'Umurenge wa Musebeya by'umwihariko abo mu Kagari ka Rugano.



*VM ASOC yakoranye Umuganda Rusange n'abaturage b'Umurenge wa Musebeya*

*BIRAKOMEZA*

rw'ibinyabuzima n'ibindi.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Nyakanga 2024, yawukoreye mu Murenge wa Kitabi aho yifatanyije n'Abafatanyabikorwa b'Akarere barimo IFAWE, BIOCOOR, KOBACYAMU n'abandi.

Uyu Muganda wabereye mu Kagari ka Kagano, wibanze ku kunoza ibikorwa biri mu mihigo y'Akarere y'umwaka wa 2023-2024 nko gutunganya inzira zerekereza kuri ibi bikorwa, kurengera urusobe rw'ibinyabuzima n'ibindi.



***VM FED ari kumwe n'Ingabo na Polisi hamwe n'Abafatanyabikorwa bakoreye Umuganda Rusange mu Murenge wa Kitabi***




***Nyuma y'Umuganda, IFAWE yishyuriye MUSA abagera ku 100 habaho no gususurutsa abawitabiriye***

## UMUYOBOZI W’AKARERE YIFATANYIJE N’ABATUYE UMURENGE WA GASAKA, MURI SIPORO RUSANGE



***Meya NIYOMWUNGERI yifatanyije n’abatuye Umujyi wa Nyamagabe muri Siporo Rusange***

Ku wa 28 Nyakanga 2024, Umuyobozi w’Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n'abatuye Akarere by'umwihariko abo mu Murenge wa Gasaka, muri Siporo Rusange.

Nyuma yo kuzenguruka Umujyi wa Nyamagabe, abitabiriye iyi Siporo bahuriye ku Kigo cy'Urubyiruko cya Nyagisenyi bahakorera imyitozo ngororamubiri.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abitabiriye iyi Siporo Rusange kurushaho gukunda siporo kuko ari ubuzima.

Yabibukije ko indwara ziri guhitana abantu benshi mu Rwanda ari izitandura kandi urukingo rwazo ari siporo.

Yabasabye kurushaho kwita ku isuku, kwirinda gusengera ahatemewe nko mu buvumo, ku misozi n'ahandi hose hashobora gushyira ubuzima bwabo mu kaga.



***Abitabiriye iyi Siporo Rusange bahuriye ku Kigo cy’Urubyiruko bahakorera imyitozo ngororamubiri***




***Abitabiriye Siporo Rusange barengeje imyaka 35 bapimwe ku bushake indwara zitandura***

# AKARERE KAKIRIYE ITSINDA RYATURUTSE MURI LODA RIJE KUREBA AHO IMISHINGA ITERWA INKUNGA N'IKIGEGA CYO KURWANYA UBUKENE IGEZE



***DES asobanurira itsinda ryaturutse muri LODA uko imishinga iterwa inkunga n'Ikigega cyo kurwanya Ubukene***

Ku wa 26 Nyakanga 2024, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Bwana SAMVURA Valens ari kumwe n'Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange, Bwana NDAYAMBAJE Aimée Joël n'Abakozi b'Akarere batandukanye yakiriye itsinda ryari riturutse mu Kigo gishinzwe Guteza Imbere ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA) rije kureba aho imishinga yatewe inkunga n'Ikigega cyo kurwanya Ubukene (Pro-Poor Basket Fund) igeze ishyirwa mu bikorwa n'imbogamizi zaba zarabayemo.



***Bwana SAMVURA yasobanuriye itsinda ryaturutse muri LODA uko imishinga iterwa inkunga n'Ikigega cyo kurwanya ubukene ihagaze***

Bwana SAMVURA yabwiye iri tsinda ko hari ibikorwa byarangiye, hakaba hari n'ibigikomeje.

Yagaragaje ko ibitararangira byatewe n'imbogamizi zitandukanye zirimo amasoko yagiye atangwa ariko akabura abayapiganira n'izindi.

Nyuma yo kugaragarizwa mu nyandiko uko iyi mishinga ihagaze, iri tsinda ryasuye bimwe mu bikorwa biri hirya no hino mu Karere.



***Nyuma yo kugaragarizwa mu nyandiko uko imishinga ihagaze, habayeho igikorwa cyo gusura imwe muri yo***

Akarere ka Nyamagabe kari mu Turere 16 dufite imishinga iterwa inkunga n' Ikigega cyo kurwanya Ubukene (Pro-Poor Basket Fund).

Imishinga iri muri iyi gahunda irimo iyo gukwirakwiza amazi, kubaka ibikorwaremezo by'isukura n'ubuzima, iby'amashuri, gusana ibigo nderabuzima, inzu ababyeyi babyariramo no kuzishyiramo ibikoresho, kubaka no gusana imihanda y'imigenderano, guca amaterasi y'indinganire, kubaka ibikorwa byoroshya imicungire y'umusaruro n'amasoko n'ibindi.

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**